2° cinq pour cent (5%) des revenus bruts annuels que l'organe chargé du tourisme tire de l'ensemble des activités de tourisme. Les modalités de paiement de ce pourcentage sont déterminées par un arrêté du Ministre ayant le tourisme dans ses attributions ;

3° activités génératrices de revenus, les placements dans des banques ou sur les marchés des capitaux et toute autre source déterminée par le Conseil d'Administration sur proposition du dirigeant de la Direction Générale;

4° dons et legs;

5° prêts accordés au SGF sur autorisation du Ministre ayant les finances dans ses attributions;

6° dotations budgétaires de l'Etat en cas de nécessité.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Kwegurirwa umutungo**

Imitungo yimukanwa, itimukanwa, imanza n'izina by'Ikigega cy'ingoboka ku binyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka byeguriwe SGF.

Imyenda yose y'Ikigega cy'ingoboka ku binyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka kibereyemo abandi izishyurwa na SGF.

Ababereyemo imyenda Ikigega cy'ingoboka ku binyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka bishyura SGF.

**<u>Ingingo ya 18</u>: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya SGF**

SGF igena ingengo y'imari yayo ya buri mwaka, ikemezwa n'urwego rubifitiye ububasha.

Ingengo y'imari ya SGF ikoreshwa hakurikijwe itegeko ngenga ryerekeye imari n'umutungo bya Leta.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa SGF**

Imikoreshereze n'imicungire by'umutungo wa SGF bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

**<u>Article 17:</u> Transfer of property**

Movables, immovables, litigations and denomination of the Automobile Guarantee Fund are transferred to SGF.

All loans that the Automobile Guarantee Fund owes to other parties shall be paid by SGF.

All third party loans towards the Automobile Guarantee Fund shall be paid to SGF.

**<u>Article 18:</u> Approval and implementation of SGF budget**

SGF shall determine its own annual budget that shall be approved by competent organ.

The budget of SGF shall be implemented in accordance with the Organic Law relating to budget and State property.

**<u>Article 19</u>: Use, management and audit of the property of SGF**

The use and management of the property of SGF shall be carried out in accordance with relevant legal provisions.

**<u>Article 17:</u> Transfert du patrimoine**

Les biens meubles et immeubles, les contentieux et la dénomination du Fonds de Garantie Automobile sont transférés au SGF.

Toutes les dettes du Fonds de Garantie Automobile envers les tiers sont payées par SGF.

Toutes les dettes des tiers envers le Fonds de Garantie Automobile sont réglées auprès du SGF.

**<u>Article 18</u>: Approbation et exécution du budget du SGF**

SGF élabore son budget annuel qui doit être approuvé par l'organe compétent.

Le budget du SGF est exécuté conformément à la loi organique régissant le patrimoine et les finances de l'Etat.

**<u>Article 19</u>: Utilisation, gestion et audit du patrimoine du SGF**

L'utilisation et la gestion du patrimoine du SGF sont effectuées conformément aux dispositions légales en la matière.

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsi ry'imikoreshereze y'umutungo wa SGF buha raporo Inama y'Ubuyobozi, bukagenera kopi uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa SGF.

Ubugenzuzi bukorwa kandi n'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta buri mwaka n' igihe cyose bibaye ngombwa.

**<u>Ingingo ya 20</u>: Raporo y'umwaka w'ibaruramari**

Mu mezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa SGF ashyikiriza urwego rureberera SGF raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

**<u>Ingingo ya 21:</u> Inshingano z'amasosiyete y'ubwishingizi**

Amasosiyeti yose y'ubwishingizi amenyesha SGF ibinyabiziga byose byayafashemo ubwishingizi bw'uburyozwe bitarenze tariki ya 15 z'ukwezi gukurikira uko yatanzemo ubwishingizi.

Iteka rya Minisitiri ufite ubwishingizi mu nshingano ze rigena uko imisanzu

SGF internal audit service shall submit a report to the Board of Directors with a copy to the head of the General Directorate of SGF.

The audit shall also be conducted by the Office of the Auditor General of State Finances every year and whenever necessary.

**<u>Article 20</u>: Annual financial report**

Within three (3) months following the closure of the financial year, the head of the General Directorate of SGF shall submit to the supervising authority of SGF, the annual financial report after its approval by the Board of Directors in accordance with laws governing management of State finance and property.

**<u>Article 21</u>: Obligations of insurance companies**

All insurance companies shall notify SGF about all automobiles having subscribed to civil liability insurance no later than $15^{th}$ of the month following subscription to insurance.

An Order of the Minister in charge of insurance shall determine procedure on how

Le service d'audit interne du SGF transmet son rapport au Conseil d'Administration avec copie au dirigeant de la Direction Générale de SGF.

L'audit est aussi effectué par l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat chaque année et chaque fois que de besoin.

**<u>Article 20</u>: Rapport annuel de l'exercice comptable**

Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice comptable, le dirigeant de la Direction Générale du SGF transmet à l'organe de tutelle du SGF le rapport annuel de l'exercice comptable après son approbation par le Conseil d'Administration, conformément aux dispositions régissant les finances et le patrimoine de l'Etat.

**<u>Article 21</u>: Obligations des sociétés d'assurance**

Toutes les sociétés d'assurance doivent déclarer au SGF toutes les automobiles ayant une assurance responsabilité civile au plus tard le 15 du mois qui suit celui de la prise d'assurance.

Un Arrêté du Ministre ayant l'assurance dans ses attributions détermine la procédure à

imenyekanishwa, uko yakirwa, uko igenzurwa n'ibihano bijyana no kutubahirizwa by'iryo teka.

**UMUTWE WA VI: KWIYAMBAZA SGF**

**Ingingo ya 22: Kuregera inkiko**

Gutanga ikirego mu nkiko bikorwa gusa iyo uwahohotewe cyangwa uwo mu muryango we ubifitiye ububasha atashoboye kumvikana na SGF cyangwa hatubahirijwe ibivugwa mu ngingo ya 23 y'iri tegeko.

**Ingingo ya 23: Igihe cyo kwishyura**

Nyuma yo kuzuza ibyangombwa, usaba indishyi agomba kumenyeshwa icyemezo cyafashwe bitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi.

Iyo impande zombi zimaze kumvikana, usaba indishyi agomba kuba yishyuwe bitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi ibarwa uhereye igihe bumvikaniye. Iyo icyo gihe kirenze, ku ndishyi zitangwa hiyongeraho inyungu z'ubukererwe zihwanye na 1% ku kwezi.

contributions are declared, collected and verified as well as sanctions in case of violation of the provisions of such an Order.

**CHAPTER VI: MAKING RECOURSE TO SGF**

**Article 22: Filing a case in a court of law**

A legal action filed by the victim or his/her assignees shall be considered receivable by the court only in case of failure to settle the issue with SGF or in case the provisions of Article 23 of this Law have been violated.

**Article 23: Payment period**

After fulfilling all the requirements, the compensation claimant shall be notified of the decision within a period of thirty (30) working days.

After that all parties have reached an agreement, the payment shall be made to the claimant within fifteen (15) working days from the day of the agreement. Exceeding the period, a late payment penalty of 1% per month shall be paid in addition to the amount of compensation.

suivre pour déclarer, recouvrer et vérifier les contributions ainsi que les sanctions applicables en cas de violation des dispositions dudit arrêté.

**CHAPITRE VI: FAIRE RECOURS AU SGF**

**Article 22: Intenter une action en justice**

L'action en justice intentée par la victime des dommages ou ses ayant droits n'est recevable qu'en cas d'échec d'une solution à l'amiable auprès du SGF ou si les dispositions de l'article 23 de la présente loi ont été violées.

**Article 23: Délai de paiement**

Après avoir rempli toutes les conditions, le demandeur d'indemnisation doit être notifié de la décision prise dans un délai de trente jours (30) ouvrables.

Après que toutes les parties aient conclu un accord, le payement doit être effectué dans un délai de quinze (15) jours ouvrables à partir de la date à laquelle l'accord a été conclu. Dépassé ce délai, un intérêt de retard de 1% par mois s'ajoute au montant de l'indemnisation.

Iyo hashize amezi atatu (3) habarwa inyungu z'ubukererwe uwangirijwe atarishyurwa, ashobora kuregera inkiko.

After a three (3) months period of late payment penalty, the claimant who was not paid may refer the matter to the court of law.

Après trois (3) mois de calcul d'intérêt de retard sans que le demandeur soit payé, il peut intenter une action en justice.

**<u>Ingingo ya 24:</u> Amategeko agenga itangwa ry'indishyi**

SGF yishyura impanuka ziri mu nshingano zayo zabereye ku butaka bw'u Rwanda, hashingiwe ku biteganywa n'amategeko agenga ubwishingizi bw'uburyozwe ku mpanuka zatejwe n'ibinyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka n'izatejwe n'inyamaswa.

Indishyi zitangwa hakurikijwe amategeko ashyiraho ibipimo by'indishyi z'ubwononekare bw'umubiri mu rwego rw'ubwishingizi ku binyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka no ku mpanuka zikomoka ku nyamaswa. SGF itanga kandi indishyi ku bintu byangijwe n'impanuka yishingira hakurikijwe agaciro kabyo kagenwe.

Ku birebana n'abangirijwe n'inyamaswa uburyo indishyi zibarwa n'uko zitangwa bugenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe**.**

**<u>Article 24:</u> Legal provisions governing compensation**

SGF shall compensate for accidents under its mandate that took place on the Rwandan territory, based on the legal provisions on civil liability insurance for accidents caused by automobiles and the ones caused by animals.

Compensation shall be paid in accordance with regulations on the compensation rate for body injuries in relation to insurance for accidents caused by automobiles or by animals. SGF shall also pay compensation for any damage on the property under its mandate in accordance with the estimate value.

As for damages caused by animals, modalities for calculation and payment of compensation shall be determined by a Prime Minister's Order.

**<u>Article 24:</u> Dispositions légales régissant l'indemnisation**

SGF indemnise les victimes des accidents sous ses responsabilités survenus sur tout le territoire du Rwanda conformément à la législation régissant l'assurance sur la responsabilité civile des automobiles et les accidents causés par les animaux.

L'indemnisation se fait conformément à la législation relative au taux d'indemnisation pour les dommages corporels en matière d'assurance couvrant les accidents causés par des automobiles ou par des animaux. SGF accorde aussi l'indemnisation pour les dommages aux propriétés causés par les accidents sous ses responsabilités suivant la valeur de ces biens.

En ce qui concerne les dommages causés par les animaux, les modalités de calcul et d'octroi d'indemnisation sont déterminées par Arrêté du Premier Ministre.

**<u>Ingingo ya 25:</u> Indishyi ku bafite ubwiteganyirize bw'abakozi**

Iyo ari impanuka y'akazi, uwahohotewe yishyurwa n'urwego rushinzwe ubwiteganyirize bw'abakozi, hakurikijwe amategeko abigenga.

Iyo indishyi zatanzwe n'urwego rushinzwe ubwiteganyirize bw'abakozi ziri munsi y'izitangwa na SGF, ikinyuranyo gitangwa na SGF.

**<u>Ingingo ya 26:</u> Indishyi ku wahohotewe afite ubundi bwishingizi**

Iyo ari ibyerekeranye no gusubiza amafaranga yatanzwe ku wahohotewe ufite ubundi bwishingizi, SGF yishyura gusa ikinyuranyo cy'ayatanzwe yose n'ayishyuwe n'umwishingizi. Uwo mwishingizi ntiyemerewe kwishyuza SGF amafaranga yatanze ku wo yishingiye.

**<u>Ingingo ya 27:</u> Abadahabwa indishyi na SGF**

Abadafite uburenganzira bwo guhabwa indishyi z'uburyozwe na SGF ni aba bakurikira:

**<u>Article 25:</u> Compensation for those with social security**

In the event of occupational hazard, the victim shall be given compensation from the agency in charge of social security, in accordance with the relevant laws and regulations.

In case the compensation paid by the agency in charge of social security is less than the one provided by SGF, the latter shall pay the balance.

**<u>Article 26:</u> Compensation to the victim having another insurance policy**

In case of the reimbursement of the money paid to the victim who has another insurance policy, SGF shall pay the balance of the compensation amount of money paid and any cost paid by the insurance company. Such insurance company shall not hold SGF liable for any compensation cost paid by the former to its client.

**<u>Article 27:</u> Ineligibility to compensation from SGF**

Parties with no right to compensation by SGF shall be the following:

**<u>Article 25:</u> Indemnisation des assurés sociaux**

En cas d'accident de travail, les indemnités sont payées par l'organe ayant la sécurité sociale dans ses attributions, conformément aux lois et règlements en la matière.

Lorsque les indemnités payées par l'organe ayant la sécurité sociale dans ses attributions sont inférieures à celles à payer par SGF, ce dernier paie la différence.

**<u>Article 26:</u> Indemnisation d'une personne ayant un autre contrat d'assurance**

En cas de remboursement de la somme payée à la victime qui a une autre assurance, SGF est tenu à payer la différence du montant total payé et toute dépense payée par l'assureur. Ledit assureur n'a pas le droit de réclamer auprès du SGF le payement du montant versé à son assuré.

**<u>Article 27:</u> Inéligibilité à l'indemnisation par SGF**

Les personnes n'ayant pas droit à l'indemnisation par la SGF sont les suivantes:

1° nyir'ikinyabiziga gifite moteri kigendera ku butaka cyateje impanuka kitagira ubwishingizi, ugitunze cyangwa ugitwara cyangwa undi wese wagombaga kugifatira ubwishingizi ntabufate;

2° umuntu amaze gushyikiriza SGF dosiye ye isaba indishyi ariko hagashira imyaka ibiri (2) atuzuza ibisabwa kugira ngo irangizwe, keretse mu gihe agaragaje impamvu ikomeye yatumye atayikurikirana;

3° umuntu wese winjiye muri pariki nta burenganzira abifitiye, kimwe n'abafite uburenganzira ku ndishyi ze aramutse apfuye;

4° uwarenze ku mabwiriza agenga pariki bikamuviramo guhohoterwa;

5° uwabaye nyirabayazana akangirizwa cyangwa agahohoterwa n'inyamaswa, bitewe n'uko yarenze imbibi cyangwa akendereza inyamaswa.

**<u>Ingingo ya 28:</u> Izindi mpamvu zatuma SGF itagoboka abangirijwe**

SGF ntigoboka umuntu wangirijwe iyo:

1° the owner of the uninsured automobile that caused the accident, its user, its driver and any other person who should have insured the automobile but did not do it;

2° a person who registered with SGF his/her compensation claim file but exceeded a period of two (2) years without providing all necessary requirements except in case of force majeure;

3° any person who enters the park without authorization as well as his/her beneficiaries in case of death;

4° any person who violates park safety instructions and gets hurt;

5° any person who is himself/herself the cause of an accident or injury inflicted to him/her by an animal because he/she overstepped the authorized area, or provoked the animal.

**<u>Article 28:</u> Other cases of non compensation by SGF**

SGF shall not compensate the injured parties if:

1° un propriétaire d'une automobile non assurée qui a causé l'accident, son détenteur précaire, son conducteur ou toute autre personne qui avait l'obligation de souscrire à une assurance et qui ne l'a pas fait;

2° une personne qui a déposé son dossier de réclamation d'indemnisation auprès du SGF mais qui passe une période de deux (2) ans sans se conformer à toutes les exigences sauf cas de force majeure;

3° toute personne qui entre dans le parc sans autorisation ainsi que ses ayants droits en cas de décès;

4° toute personne qui viole les consignes de sécurité du parc et qui subit un dommage;

5° toute personne qui est à l'origine d'un accident ou d'un dommage causé par un animal soit qu'elle a dépassé la zone permise, ou qu'elle a provoqué l'animal.

**<u>Article 28:</u> Autres cas de non indemnisation par SGF**

SGF ne donne aucune indemnisation à la personne lésée si:

1° bigaragaye ko ku bushake bwe yanze kuvuga ibyo azi bikenewe kandi bya ngombwa mu micungire y'amadosiye asaba ubwishyu;

2° hagaragaye uburiganya ubwo ari bwo bwose mu gutangaza impanuka cyangwa se mu nyandiko SGF yashyikirijwe zisaba indishyi, cyangwa se mu yandi makuru yose yerekeranye n'iyo mpanuka bikozwe n'usaba indishyi cyangwa umuhagarariye;

3° uwangirijwe ikinyabiziga cyangwa se indi mitungo wahise abisanisha atabanje kubyerekana muri SGF, kugira ngo igenagaciro ry'ibyangiritse ribanze risuzumwe.

**<u>Ingingo ya 29:</u> Igihe ntarengwa cyo kumenyekanisha impanuka**

Uretse igihe agaragaje impamvu ikomeye yamuzitiye, umuntu wangirijwe ibye n'ibinyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka yiyambaza SGF ari uko inzego za Polisi zamenyeshejwe impanuka mu gihe cy'iminsi irindwi (7).

Agomba, mu gihe kitarenze imyaka ibiri (2) uhereye igihe impanuka yabereye, kumenyesha iyo mpanuka SGF, yaba

1° he/she intentionally conceals any required information necessary for the processing of compensation claim files;

2° there is any fraud in the accident statement or compensation claim documents or any other accident related information submitted to SGF by the victim or his/her representative;

3° the owner of the damaged automobile or any other property has already repaired it without waiting for the assessment of such damage by SGF.

**<u>Article 29:</u> Deadline for making an accident statement**

Except in case of force majeure, the person whose property was damaged by automobiles shall only have recourse to SGF when he/she has reported the accident to the police within seven (7) days.

That person shall, within a period of two (2) years from the date of the accident, make a statement about it to SGF; otherwise he/she

1° celle-ci s'abstient volontairement de fournir des informations utiles requises pour l'analyse des dossiers d'indemnisation;

2° il est constaté une quelconque manœuvre frauduleuse faite soit dans les documents de déclaration de l'accident ou de demande d'indemnisation transmis au SGF par la victime ou son représentant ;

3° le propriétaire de l'automobile ou d'un autre bien endommagé a déjà réparé les dégâts sans laisser le soin au SGF de les évaluer ou de les faire évaluer.

**<u>Article 29:</u> Date limite de faire une déclaration d'accident**

Sauf cas de force majeure, une personne qui a subi un dommage matériel par un accident causé par les automobiles ne peut recourir aux services du SGF que si la police en a été informée dans un délai de sept (7) jours.

Cette personne doit, dans un délai ne dépassant pas deux (2) ans à dater de l'accident, le déclarer à SGF. Dans le cas

atabikoze agatakaza ubwo burenganzira.

Uwahohotewe n'inyamaswa cyangwa wangirijwe na yo yiyambaza SGF ari uko urwego rwa polisi rw'aho byabereye rwamenyeshejwe impanuka mu gihe cy'iminsi irindwi (7). Agomba kandi kumenyekanisha impanuka muri SGF mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi iyo ari ibimera byangijwe ndetse n'imyaka ibiri (2) iyo ari umuntu wahohotewe.

Uburyo bukoreshwa mu gukora imenyekanisha bugenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite mu nshingano ze kureberera SGF.

## <u>UMUTWE WA VII:</u> INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

**<u>Ingingo ya 30:</u> Amadosiye yakiriwe mbere**

Amadosiye y'ibibazo by'indishyi ku bangirijwe cyangwa bahohotewe n'inyamaswa byashyikirijwe urwego rushinzwe Pariki z'Igihugu n'ibirego by'indishyi byashyikirijwe inkiko kandi bikaba bitarabonerwa ibisubizo ku munsi iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda bizakurikiranwa na SGF binakemurwe hakurikijwe iri tegeko.

shall lose that right.

A person injured or whose property has been damaged by an animal shall not claim to SGF unless he/she reported the accident to the police station of the area in which the event occurred within a period of seven (7) days. He/she shall also report the accident to SGF within a period not exceeding fifteen (15) working days for any damage made to plants and two (2) years for physical injuries.

Modalities of reporting accidents shall be determined by an Order of the Minister in charge of supervising SGF.

## <u>CHAPTER VII:</u> TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

**<u>Article 30:</u> Cases filed previously**

All compensation claim files relating to injuries or property damaged by animals lodged with the agency in charge of national parks as well as cases pending in courts of law by the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda shall be handled by SGF under the provisions of this Law.

contraire, elle perd ce droit.

La personne lésée ou dont les biens ont été endommagés par un animal ne peut saisir SGF que si elle a déclaré l'accident à la police du lieu de survenance endéans sept (7) jours. Elle doit faire cette déclaration au SGF dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables pour les dommages causés aux plantes et deux (2) ans pour les dommages corporels.

Les modalités pour faire la déclaration sont déterminées par un arrêté du Ministre de tutelle du SGF.

## <u>CHAPITRE VII:</u> DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

**<u>Article 30:</u> Dossiers déclarés antérieurement**

Tous les dossiers réclamant l'indemnisation relative aux préjudices ou aux dommages causés par les animaux déposés auprès de l'organe chargé des parcs nationaux et ceux en cours dans les juridictions au jour de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda sont traités par SGF en vertu des disposions de la présente loi.

Amafaranga SGF izatanga kuri ayo madosiye izayamenyesha urwego rushinzwe Pariki z'Igihugu kugira ngo ruyayisubize mu gihe kitarenze umwaka uhereye igihe ruyamenyesherejwe.

**<u>Ingingo ya 31:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**<u>Ingingo ya 32:</u> Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Itegeko n° 04/2002 ryo kuwa 19/01/2002 rishyiraho Ikigega cy'ingoboka ku binyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**<u>Ingingo ya 33:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 14/12/2011

SGF shall notify the agency in charge of national parks about the amount of money paid in relation with to such files for refund within a period of one (1) year from the date of notification.

**<u>Article 31:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**<u>Article 32:</u> Repealing provision**

The Law n° 04/2002 of 19/01/2002 establishing the Automobile Guarantee Fund and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**<u>Article 33:</u> Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 14/12/2011

Le montant payé par SGF en rapport avec lesdits dossiers sera notifié à l'organe chargé des parcs nationaux pour remboursement endéans une année à partir de la date de notification.

**<u>Article 31:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**<u>Article 32:</u> Disposition abrogatoire**

La Loi n° 04/2002 du 19/01/2002 portant création du Fonds de Garantie Automobile ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**<u>Article 33:</u> Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 14/12/2011

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**

**HABUMUREMYI Pierre Damien**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

**(sé)**

**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**

**HABUMUREMYI Pierre Damien**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice/ Attorney General

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**

**HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO N°57/2011 RYO KUWA 31/12/2011 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO Nº 26/2006 RYO KU WA 27/05/2006 RIGENA KANDI RISHYIRAHO IMITUNGANYIRIZE Y'UMUSORO KU BYAGUZWE WAKWA KU BICURUZWA BIMWE NA BIMWE BITUMIJWE MU MAHANGA N'IBIKORERWA MU RWANDA NK'UKO RYAHINDUWE KANDI RYUJUJWE KUGEZA UBU** | **LAW N°57/2011 OF 31/12/2011 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N° 26/2006 OF 27/05/2006 DETERMINING AND ESTABLISHING CONSUMPTION TAX ON SOME IMPORTED AND LOCALLY MANUFACTURED PRODUCTS AS MODIFIED AND COMPLEMENTED TO DATE** | **LOI N°57/2011 DU 31/12/2011 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 26/2006 DU 27/05/2006 PORTANT ORGANISATION ET INSTAURATION DU DROIT D'ACCISE SUR CERTAINS PRODUITS IMPORTES ET DE FABRICATION LOCALE TELLE QUE MODIFIEE ET COMPLETEE A CE JOUR** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIERES** |
| **Ingingo ya mbere: Ibicuruzwa n'ibipimo byabyo by'umusoro** | **Article One: Products and corresponding rates** | **Article premier: Produits et taux correspondants** |
| **Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko** | **Article 2: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 2: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 3: Repealing provision** | **Article 3: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 4: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 4: Commencement** | **Article 4: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO N°57/2011 RYO KUWA 31/12/2011 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO Nº 26/2006 RYO KU WA 27/05/2006 RIGENA KANDI RISHYIRAHO IMITUNGANYIRIZE Y'UMUSORO KU BYAGUZWE WAKWA KU BICURUZWA BIMWE NA BIMWE BITUMIJWE MU MAHANGA N'IBIKORERWA MU RWANDA NK'UKO RYAHINDUWE KANDI RYUJUJWE KUGEZA UBU** | **LAW N°57/2011 OF 31/12/2011 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N° 26/2006 OF 27/05/2006 DETERMINING AND ESTABLISHING CONSUMPTION TAX ON SOME IMPORTED AND LOCALLY MANUFACTURED PRODUCTS AS MODIFIED AND COMPLEMENTED TO DATE** | **LOI N°57/2011 DU 31/12/2011 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 26/2006 DU 27/05/2006 PORTANT ORGANISATION ET INSTAURATION DU DROIT D'ACCISE SUR CERTAINS PRODUITS IMPORTES ET DE FABRICATION LOCALE TELLE QUE MODIFIEE ET COMPLETEE A CE JOUR** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA** | **THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA** | **LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA** |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:** | **THE PARLIAMENT:** | **LE PARLEMENT :** |
| Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 9 Ukuboza 2011; | The Chamber of Deputies, in its session of 9 December 2011; | La Chambre des Députés, en sa séance du 9 décembre 2011; |

| | | |
|---|---|---|
| Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 81, iya 91, iya 92, iya 93, iya 94, iya 108 n'iya 201; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 81, 91, 92, 93, 94, 108 and 201; | Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 81, 91, 92, 93, 94, 108 et 201 ; |
| Isubiye ku Itegeko nº 26/2006 ryo kuwa 27/05/2006 rigena kandi rishyiraho imitunganyirize y'umusoro ku byaguzwe wakwa ku bicuruzwa bimwe na bimwe bitumijwe mu mahanga n'ibikorerwa mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4; | Having reviewed Law n° 26/2006 of 27/05/2006 determining and establishing consumption tax on some imported and locally manufactured products as modified and complemented to date, especially in Article 4: | Revu la Loi n° 26/2006 du 27/05/2006 portant organisation et instauration du droit d'accise sur certains produits importés et de fabrication locale telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en son article 4; |
| **YEMEJE:** | **ADOPTS:** | **ADOPTE :** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Ibicuruzwa n'ibipimo byabyo by'umusoro** | **<u>Article One</u>: Products and corresponding rates** | **<u>Article premier</u>: Produits et taux correspondants** |
| Ingingo ya 4 y'Itegeko nº 26/2006 ryo kuwa 27/05/2006 rigena kandi rishyiraho imitunganyirize y'umusoro ku byaguzwe wakwa ku bicuruzwa bimwe na bimwe bitumijwe mu mahanga n'ibikorerwa mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ry'ujujwe kugeza ubu, ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira: | Article 4 of Law n° 26/2006 of 27/05/2006 determining and establishing consumption tax on some imported and locally manufactured products as modified and complemented to date is modified and complemented as follows: | L'article 4 de la Loi n° 26/2006 du 27/05/2006 portant organisation et instauration du droit d'accise sur certains produits importés et de fabrication locale, telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit : |
| «Umusoro ku byaguzwe wakwa ku bicuruzwa no ku ijanisha ry'umusoro bikurikira : | «Consumption tax shall be levied on the following products at the corresponding rates: | «Le droit d'accise est imposé aux produits et aux taux suivants : |

| **Ibicuruzwa** | **Ibipimo** |
|---|---|
| Imitobe y'imbuto | 5% |
| Limonades, soda n'indi mitobe | 39 % |
| Amazi mvaruganda | 10 % |
| Byeri | 60 % |
| Divayi | 70 % |
| Ibyotsi, Likeri naWisiki | 70 % |
| Itabi | 150% |
| Lisansi (itari iy'indege) na mazutu | 183 Frw/ilitiro kuri lisansi<br><br>150 Frw/ilitiro kuri mazutu |
| Amavuta | 37% |
| Imodoka zifite moteri zifite ubushobozi buri munsi ya 1500 cc | 5 % |
| Imodoka zifite moteri zifite ubushobozi buri hagati ya 1500 na 2500 cc | 10 % |

| **Products** | **Tax rate** |
|---|---|
| Fruit Juices | 5% |
| Lemonade, Soda and other juices | 39% |
| Mineral Water | 10% |
| Beer | 60% |
| Wine | 70% |
| Brandies, liquors and whisky | 70% |
| Cigarettes | 150% |
| Premium (excluding benzene) and Gas oil | 183 Rwf/liter On Premium<br><br>150 Rwf/liter On Gas oil |
| Lubricants | 37% |
| Vehicles with an engine capacity of less than 1500cc | 5% |
| Vehicles with an engine capacity of between 1500 and 2500 cc | 10% |

| **Produits** | **Taux d'imposition** |
|---|---|
| Jus de fruits | 5 % |
| Limonades, sodas et autres jus | 39% |
| Eaux minérales | 10% |
| Bières | 60% |
| Vins | 70% |
| Eaux-de-vie, liqueurs et whiskies | 70% |
| Tabacs | 150% |
| Essence (exception faite du benzène) et mazout | 183 Frw/litre pour l'essence<br><br>150 Frw/litre pour le mazout |
| Lubrifiants | 37% |
| Véhicules avec un moteur d'une puissance inférieure à 1500cc | 5% |
| Véhicules avec un moteur d'une puissance variant entre 1500 et 2500cc | 10% |
| | |

| | |
|---|---|
| Imodoka zifite moteri zifite ubushobozi buri hejuru ya 2500 cc | 15 % |
| Amata y'ifu | 10 % |
| Itumanaho rikoresheje telefoni | 8% |

**<u>Ingingo ya 2</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 4:</u> Igihe itegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa guhera ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku itariki ya 1 Mutarama 2012.

| | |
|---|---|
| Vehicles with an engine capacity of above 2500 cc | 15% |
| Powdered Milk | 10% |
| Telephone communications | 8% |

**<u>Article 2</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**<u>Article 3:</u> Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**<u>Article 4</u>: Commencement**

This Law shall come into force on the day of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It shall take effect as of 1st January 2012.

| | |
|---|---|
| Véhicules avec un moteur d'une puissance supérieure à 2500cc | 15% |
| Lait en poudre | 10% |
| Communications téléphoniques | 8% |

**<u>Article 2</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en Anglais et a été examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**<u>Article 3</u>: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**<u>Article 4</u>: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Elle prend effet à partir du premier janvier 2012.

| Kigali, kuwa 31/12/2011 | Kigali, on 31/12/2011 | Kigali, le 31/12/2011 |
|---|---|---|
| (sé)<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika | (sé)<br><br>**KAGAME Paul**<br>President of the Republic | (sé)<br><br>**KAGAME Paul**<br>Président de la République |
| (sé)<br><br>**HABUMUREMYI Pierre Damien**<br>Minisitiri w'Intebe<br><br>**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**<br><br>(sé)<br><br>**KARUGARAMA Tharcisse**<br>Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta | (sé)<br><br>**HABUMUREMYI Pierre Damien**<br>Prime Minister<br><br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic :**<br><br>(sé)<br><br>**KARUGARAMA Tharcisse**<br>Minister of Justice/ Attorney General | (sé)<br><br>**HABUMUREMYI Pierre Damien**<br>Premier Ministre<br><br>**Vu et scellé du Sceau de la République :**<br><br>(sé)<br><br>**KARUGARAMA Tharcisse**<br>Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux |

**ITEKA RYA PEREZIDA Nº109bis/01 RYO KUWA 03/10/2011 RYEMEZA BURUNDU AMASEZERANO ASHYIRAHO UBURYO BWO GUTWARA IBINTU NO KUBITAMBUTSA HAKORESHEJWE INZIRA Y'AMAJYARUGURU HAMWE N'IMIGEREKA YAYO CUMI N'UMWE BYASHYIRIWEHO UMUKONO I NAIROBI KUWA 06 UKWAKIRA 2007 HAGATI YA GUVERINOMA ZA REPUBULIKA Y'U BURUNDI, REPUBULIKA IHARANIRA DEMOKARASI YA KONGO, REPUBULIKA YA KENYA, REPUBULIKA Y'U RWANDA NA REPUBULIKA YA UGANDA**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Kwemeza burundu**

**<u>Ingingo ya 2</u>: Abashinzwe kubahiriza iri teka**

**<u>Ingingo ya 3</u>: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**PRESIDENTIAL ORDER Nº109bis/01 OF 03/10/2011 RATIFYING THE NORTHERN CORRIDOR TRANSIT AND TRANSPORT AGREEMENT WITH ITS ELEVEN PROTOCOLS SIGNED IN NAIROBI ON 06 OCTOBER 2007, BETWEEN THE GOVERNMENTS OF THE REPUBLIC OF BURUNDI, THE DEMOCRATIC REPUBLIC OF CONGO, THE REPUBLIC OF KENYA, THE REPUBLIC OF RWANDA AND THE REPUBLIC OF UGANDA**

**TABLE OF CONTENTS**

**<u>Article One</u>: Ratification**

**<u>Article 2</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order**

**<u>Article 3</u>: Commencement**

**ARRETE PRESIDENTIEL Nº109bis/01 DU 03/10/2011 RATIFIANT L'ACCORD DE TRANSIT ET DE TRANSPORT DU CORRIDOR NORD ET SES ONZE PROTOCOLES SIGNES A NAIROBI LE 06 OCTOBRE 2007, ENTRE LES GOUVERNEMENTS DE LA REPUBLIQUE DU BURUNDI, DE LA REPUBLIQUE DEMOCRATIQUE DU CONGO, DE LA REPUBLIQUE DU KENYA, DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA ET DE LA REPUBLIQUE DE L'OUGANDA**

**TABLE DES MATIERES**

**<u>Article premier</u> : Ratification**

**<u>Article 2</u> : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

**<u>Article 3</u> : Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA PEREZIDA Nº109bis/01 RYO KUWA 03/10/2011 RYEMEZA BURUNDU AMASEZERANO ASHYIRAHO UBURYO BWO GUTWARA IBINTU NO KUBITAMBUTSA HAKORESHEJWE INZIRA Y'AMAJYARUGURU HAMWE N'IMIGEREKA YAYO CUMI N'UMWE BYASHYIRIWEHO UMUKONO I NAIROBI KUWA 06 UKWAKIRA 2007 HAGATI YA GUVERINOMA ZA REPUBULIKA Y'U BURUNDI, REPUBULIKA IHARANIRA DEMOKARASI YA KONGO, REPUBULIKA YA KENYA, REPUBULIKA Y'U RWANDA NA REPUBULIKA YA UGANDA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 98, iya 112, iya 121, iya 189, iya 190 n'iya 201;

Dushingiye ku Itegeko n° 38/2011 ryo kuwa 13/09/2011 ryemerera kwemeza burundu Amasezerano ashyiraho Uburyo bwo Gutwara Ibintu no Kubitambutsa hakoreshejwe Inzira y'Amajyaruguru hamwe n'imigereka yayo cumi n'umwe byashyiriweho umukono i Nairobi kuwa 06 ukwakira 2007 hagati ya Guverinoma za Repubulika y'u Burundi, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, Repubulika ya Kenya, Repubulika y'u Rwanda na Repubulika ya Uganda;

**PRESIDENTIAL ORDER Nº109bis/01 OF 03/10/2011 RATIFYING THE NORTHERN CORRIDOR TRANSIT AND TRANSPORT AGREEMENT WITH ITS ELEVEN PROTOCOLS SIGNED IN NAIROBI ON 06 OCTOBER 2007, BETWEEN THE GOVERNMENTS OF THE REPUBLIC OF BURUNDI, THE DEMOCRATIC REPUBLIC OF CONGO, THE REPUBLIC OF KENYA, THE REPUBLIC OF RWANDA AND THE REPUBLIC OF UGANDA**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 98, 112, 121, 189, 190 and 201;

Pursuant to Law n° 38/2011 of 13/09/2011 authorising the ratification of the Northern Corridor Transit and Transport Agreement with its eleven protocols signed in Nairobi on 06 October 2007, between the Governments of the Republic of Burundi, the Democratic Republic of Congo, the Republic of Kenya, the Republic of Rwanda and the Republic of Uganda;

**ARRETE PRESIDENTIEL Nº109bis/01 DU 03/10/2011 RATIFIANT L'ACCORD DE TRANSIT ET DE TRANSPORT DU CORRIDOR NORD ET SES ONZE PROTOCOLES SIGNES A NAIROBI LE 06 OCTOBRE 2007, ENTRE LES GOUVERNEMENTS DE LA REPUBLIQUE DU BURUNDI, DE LA REPUBLIQUE DEMOCRATIQUE DU CONGO, DE LA REPUBLIQUE DU KENYA, DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA ET DE LA REPUBLIQUE DE L'OUGANDA**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 98, 112, 121, 189, 190 et 201 ;

Vu la Loi n° 38/2011 du 13/09/2011 autorisant la ratification de l'Accord de Transit et de Transport du Corridor Nord et ses onze protocoles signés à Nairobi le 06 octobre 2007, entre les Gouvernements de la République du Burundi, de la République Démocratique du Congo, de la République du Kenya, de la République du Rwanda et de la République de l'Ouganda ;

Tumaze kubona Amasezerano ashyiraho Uburyo bwo Gutwara Ibintu no Kubitambutsa hakoreshejwe Inzira y'Amajyaruguru hamwe n'imigereka yayo cumi n'umwe byashyiriweho umukono i Nairobi kuwa 06 ukwakira 2007 hagati ya Guverinoma za Repubulika y'u Burundi, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, Repubulika ya Kenya, Repubulika y'u Rwanda na Repubulika ya Uganda;

Bisabwe na Minisitiri w'Ibikorwa Remezo;

Inama y'Abaminisitiri maze kubisuzuma no kubyemeza;

**TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:**

**Ingingo ya mbere: Kwemeza burundu**

Amasezerano ashyiraho Uburyo bwo Gutwara Ibintu no Kubitambutsa hakoreshejwe Inzira y'Amajyaruguru hamwe n'imigereka yayo cumi n'umwe byashyiriweho umukono i Nairobi kuwa 06 ukwakira 2007 hagati ya Guverinoma za Repubulika y'u Burundi, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, Repubulika ya Kenya, Repubulika y'u Rwanda na Repubulika ya Uganda, yemejwe burundu kandi atangiye gukurikizwa mu ngingo zayo zose.

**Ingingo ya 2: Abashinzwe kubahiriza iri teka**

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Ibikorwa Remezo, Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, basabwe kubahiriza iri teka.

Having considered the Northern Corridor Transit and Transport Agreement with its eleven protocols signed in Nairobi on 06 October 2007, between the Governments of the Republic of Burundi, the Democratic Republic of Congo, the Republic of Kenya, the Republic of Rwanda and the Republic of Uganda;

On proposal by the Minister of Infrastructure;

After consideration and approval by the Cabinet;

**HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:**

**Article One: Ratification**

The Northern Corridor Transit and Transport Agreement with its eleven protocols signed in Nairobi on 06 October 2007, between the Governments of the Republic of Burundi, the Democratic Republic of Congo, the Republic of Kenya, the Republic of Rwanda and the Republic of Uganda, is hereby ratified and becomes fully effective.

**Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order**

The Prime Minister, the Minister of Infrastructure, the Minister of Trade and Industry and the Minister of Finance and

Considérant l'Accord de Transit et de Transport du Corridor Nord et ses onze protocoles signés à Nairobi le 06 octobre 2007, entre les Gouvernements de la République du Burundi, de la République Démocratique du Congo, de la République du Kenya, de la République du Rwanda et de la République de l'Ouganda ;

Sur proposition du Ministre des Infrastrucctures;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres;

**AVONS ARRETE ET ARRETONS**

**Article premier : Ratification**

L'Accord de Transit et de Transport du Corridor Nord et ses onze protocoles signés à Nairobi le 06 octobre 2007, entre les Gouvernements de la République du Burundi, de la République Démocratique du Congo, de la République du Kenya, de la République du Rwanda et de la République de l'Ouganda, est ratifié et sort son plein et entier effet.

**Article 2 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Premier Ministre, le Ministre des Infrastructures, le Ministre du Commerce et de l'Industrie et le Ministre des Finances et de la

**Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **03/10/2011**

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**

**MAKUZA Bernard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta

Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

**Article 3: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **03/10/2011**

**(sé)**

**KAGAME Paul**
President of th Republic

**(sé)**

**MAKUZA Bernard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice /Attorney General

Planification Economique, sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Article 3 : Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **03/10/2011**

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**

**MAKUZA Bernard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice /Garde des Sceaux